0182



K0145304

| | | |
|---|---|---|
| **IDENTIFICATION** | **:** | **CE 90/95** |
| **DUREE** | **:** | **60 minutes** |
| **QUALITE** | **:** | **BONNE** |
| **TRANSMISSION** | **:** | **RTLM** |
| **NOM** | **:** | **MUTETELI Pénine-Joie** |
| **NOM DU FICHIER** | **:** | **0182** |
| **DATE** | **:** | **24/03/94** |
| **DICTAPHONE** | **:** | **ExpressWriter Model 2750-6SN516525** |

K0145305

# LE CONTENU DE LA CASSETTE

## FACE A

1.1 Commentaires du journaliste BEMERIKI Valérie, journaliste de la RTLM, sur la mort du Président NDADAYE Melchior du Burundi. La journaliste a peur que la même situation peut se reproduire au Rwanda.

1.2 Inquiétude de la venue de la démocratie au Rwanda. La journaliste montre aux Rwandais que les blancs qui les imposent cette démocratie, leur dictent par après c e qu'ils doivent absolument faire chez-eux.

1.3 Manifestation du FPR dans la zone tampon en date du 25/3/94 à Kinihira. La jounaliste ne voit pas comment cela pouvait se faire dans cette région dite démilitalisée et contrôlée par la MINUAR.

1.4 BEMERIKI Valérie montre comment le FPR s'arrange pour avoir le MINIJUST qui lui manquait afin d'accéder au pouvoir.

1.5 Lecture du communiqué des partisants du MRND et CDR, menacés par ceux du FPR (FPR, PL,MDR TWAGIRAMUNGU, UWILINGIYIMANA).

1.6 Litige entre KURADUSENGE Thomas, assistant Bourgmestre de la commune Giciye et Président des Interahamwe dans cette commune, et BAZIVAMO Christophe, Représentant du MDR TWAGIRAMUNGU dans cette commune.

**FACE B**

K0145306

1.1 Commentaires de BEMERIKI Valérie, sur le reportage du journaliste Fiona LA BRASSIERE de BBC dans son émission NETWORK OF AFICA du 21/3/94, oú celle-ci montre comment le FPR enrôlait les enfants dans ses troupes.

1.2 Le retard dans la mise en place des institutions de transition n'a pas été causé par HABYALIMANA comme le prétend le FPR, mais par le FPR, le PL et leurs acolytes selon BEMERIKI Valérie.

1.3 Verdict du procès des députés KAMALI Sylvestre et d'autres députés du MDR à propos de la validation de leur qualité de député de ce parti.

1.4 Commentaires sur l'investiture des députés et des ministres du 25/3/94 par HABIMANA KANTANO de la RTLM. Le Journaliste ne voit encore pas qui sera député entre KIBATA Djuma et HAMIDU Omar du parti PDI.

1.5 Présentation de la liste des musulmans signateurs pour le député KIBATA Djuma.

1.6 Règlement interne du parti PDI: Communiqué lit par HABIMANA KANTANO, journaliste de la RTLM.

Orateur : BEMERIKI Valérie K0145307

...Turebye ibintu biba mu Burundi, dusanga bishobora none kugera no mu gihugu cyacu kuko ubu tukiri mu ntangiriro kandi ibiba bigaragara. Aha twashyize mu majwi cyane amahanga, amahanga kuko arebera gusa, nyamara akabona ibintu byabaye mu Burundi.

Turibuka ko mu kwezi kwa gatandatu k'umwaka wa 93, ariho hatowe inzego hakurikije demokrasi ishingiye ku mashyaka menshi mu Burundi. Ubwo rero ishyaka FRODEBU ryegukanye insinzi, ndetse na Président w'iryo shyaka Nyakubahwa Melchior NDADAYE arayatsinda, atsinda amatora, aba abaye atyo Président wa République y'u Burundi asimbura uwari uriho Major BUYOYA.

Ubwo rero amaze kumusimbura, abantu agatsiko, agatsiko dore ko ari abantu bagera ku ijana, kwii... nako mirongo ine ku ijana ry'abantu bose, batangira kurwanya ubutegetsi bwe batabushaka. Babushyira mu majwi; ni bantu rero bahora bibeshya ko baremanywe imbuto yo kuzagumya gutegeka. Icyo kintu rero kikaba cyarabagiye mu mutwe, kuburyo bumva ko badategetse bataba ari abantu. Ugasanga ko icyo kintu kibari mu mutwe, ari ko bijyana n'ubwirasi kuko ntabwo umuntu yakwishyiramo gusa ko agomba gutegeka, akumva ko ntawundi ugomba kumutegeka.

Icyo kintu rero kikaba ari cyo kintu cyabagiyemo gituma bagira ikintu cyo kujya bahora bavuga bati nitwe tugomba gutegeka, igihe batabonye ubutegetsi bakaba bakwica kugirango babone uko bategeka, babone uko bambura abatsinze ayo matora, kugirango babone uko rero bategeka igihugu.

Mu Burundi ibyo byakunze kujya bigaragara cyane, abahutu bose be... bazwi ho ubwenge, murabyibuka bagiye bicwa kuva muri za 65, abahutu benshi cyane barishywe; kandi abenshi bakicwa ari abanyabwenge, ari abantu bize amashuri, abantu baminuje bakabica.

Ubwo rero n'ejobundi Nyakubahwa Melchior NDADAYE amaze gutorwa byabariye mu mutwe, byabariye mu mutwe noneho bikubitana n'uko ingabo z'u Burundi zikozwe gusa, eee... n'ubwoko bumwe, ubwoko bw'abatutsi.

Ubwo rero n'izo ngabo zaravuze ziti, ubwo noneho hagiye gutegeka ubwoko butari ubwacu kandi tukaba tuzi ibyo twabukoreye; twarabwiciye abantu benshi, buriya nabo bazatwihumu... bazatwihimuraho, akaba ari impamvu imwe nyine yatumye bashobora no...no... bashaka no gukora... no gukuraho ubwo butegetsi, kandi na cya kintu cyo kuvuga ko nta bundi bwoko bugomba gutegeka, usibye ubwabo.

Ni ukubona rero ko bari bafite izo ngabo bakumva ko kubukuraho bizaborohera. Nibyo, bakoze coup d'état, uwari umukuru w'igihugu Nyakwigendera Melchior NDADAYE baramuhitana, bumva ko ubutegetsi noneho babukuyeho ariko nyamara biyibagiza, usibye ko yenda batari banabizi, bakumva ko demokrasi ishingiye ku ishyaka rimwe ari kimwe na demokrasi ishingiye ku mashyaka menshi.

Icyakora ntibyabahiriye kuko amahanga yaraba..., ariko muri uko kwaba... nta kintu kigaragara twasanze amahanga yarakoze; ko nyuma y'urupfu rwa Nyakwigendera Melchior NDADAYE hakurikiyeho umuvu w'amaraso menshi. Abantu barishwe benshi cyane barishwe kuva icyo gihe kugeza na n'ubu abantu bakicwa.

Muri uko kwicwa rero, amahanga mu by' ukuri iyo turebye neza dushishoje, dusanga nta kintu yakoze kigaragara kugirango uwo muvu w'amaraso ugumya gutemba ube wahagarara. Bikaba ari byo biriho bikorwa rero kugeza magingo aya mu Burundi.

Nta munsi w'ubusa rero i Burundi batishe abantu, nta munsi w'ubusa kandi ingabo zikozwe n'ubwoko bumwe, ari zo zari zikwiye kubungabunga umutekano w'abatuye u Burundi, ari bo bari bakwiye eee... kubungabunga ubusugire bw'igihugu cyabo, ahubwo nibo birara mu baturage bari bashinzwe kurinda bakabahuramo urusasu bityo bakabica ariko kandi bakica nanone ab' ubwoko bumwe cyane cyane bw'abahutu.

Abahutu buri gihe baberetse ko batsindisha ukuri muri ayo matora yabaye ashingiye kuri demokrasi, ariko bo bagashaka kugirango berekane gusa ko bazi kwica, ko bazi kumena maraso, buri gihe bagakoresha intwaro. Nyamara kandi ubwo amahanga yo yarahagurutse aravuga ati, inzego, bya.... bahagurutse bya nyirarureshwa bati ishyaka FRODEBU niryo ryari ryatsinze, niryo ryari rikwiye kongera gusubira mu butegetsi, ariko kandi turarisaba ibi bikurukira:

Ubwo abana.. abanyamahanga nyine iyo bavuze ngo baduhaye demokrasi naho ngo dufite demokrasi ngo tugomba gukora gutya, usanga n'ibyo dukora byose nta na kimwe dukora bituvuyemo ubwacu usanga buri gihe baba baturi inyuma, baba bagenzura ibyo dukora.

Ibi murabyibuka ko byaturutse mu nama eee... yahuje umukuru w'ubufransa ndetse n'abaprezida b'ibihugu bivugwamo igifransa bo muri Afrika; bahurira i LA BAULE, aho i LA BAULE niho bamenyeshejwe ko Afrika yari ikwiye gukora uko ishoboye ikagendera kuri demokrasi, demokrasi igashinga imizi muri Afrika ishingiye ku mashyaka menshi.

Nyamara ntibyatinze kwigaragaza, twaje gusanga mu bihugu byose iyo demokrasi bavuga ko igomba kuhashinga ahubwo yararushijeho kuzambya ibintu, ihakurura ibibazo byinshi, birimo ubwiryane. Aha hari ibihugu byinshi tuzi za Bénin, tuzi Centre Africa, tuzi Gabon, tuzi Congo, tuzi muri Zaïre, tuzi n'ibindi bihugu mbese cyane cyane murareba ibihugu duturanye hari Zaïre, hari u Burundi, ndetse n'igihugu cyacu. Ubwo rero tugasanga ahubwo ibintu birushaho kuzamba. Nyamara kandi byamara kuzamba, ba bantu bavuze bati nimukore gutya, ugasanga baduteye utwatsi. Ugasanga nta kintu bakoze kigaragara.

Ese koko uriya Nyakwigendera Melchior NDADAYE yagombaga kwicwa bene kariya kageni? Ese kuki ayo mahanga yo yadutozaga iyo demokrasi, itagerageje kumurinda uko ibishoboye? Nyamara ahubwo amaze kwitaba Imana, barahugurutse bati, inzego z'ubutegetsi nizongere zisubireho, FRODEBU yatsinze ariko ntigomba kwiharira iyo myanya. Aho yavuze iti ba bantu bishe Nyakwigendera NDADAYE bishe ama... amaraso menshi yamenetse kubera bo, nibafatwe bafungwe; ahubwo yo itanga uburenganzira, itanga ilitumatum nibyo twavuze, nkaba narabyise ko yahaye gasopo iriya gouvernement nshya y'u Burundi ari nabyo natwe bakomeza kuduha,

bayibwira bati, nimuyishyireho, mushyireho izindi nzego ariko kandi mwibuke bariya bicanyi nabo mubahe imyanya.

Ba bicanyi ubwo nabo bahawe imyanya birumvikana, ba bandi bishe ntabwo bafashwe baracyakomeza kwidegembya uko bashaka, na n'ubu kandi baracyakomeza aaa... kumena amaraso y'inzirakarengana.... y'inzirakarengane bica abo bantu. Aha rero mu by' ukuri niho twe tuvuga tuti amahanga ariho arakora iki? Amahanga araturebera gusa, ahubwo yo akavuga ati nimudakora ibi ntabwo tuzabakorera ibi. Nimubigenze mutya niba mutabigenje mutya, ntacyo twebwe dushobora kuzabako... kuzabakorera.

Hano mu Rwanda murabyumva. Buri kanya iti...(bati) niba mudashyizeho ziriya nzego z'inzibacyuho zaguye turahagarika imfashanyo.Imfashanyo ntazo muzongera kubona. Ubwo amahanga yose ndetse n'imiryango ihuriweho n'ibihugu byose ugasanga a...iyo mvugo ni imwe kuri bose. Ubwo rero tukibaza twebwe mu by'ukuri, abo bantu igihe bavuze bati igihe cya gikolonize cyararangiye twe tukaba twibaza niba koko igihe cya gikolonize cyararangiye. Ariko abantu bashishoza bakageza kure, basanga igihe cya gikolonize kitarashize. Ntabwo cyashize ahubwo cyaje mu bundi buryo bushya. Cyaje mu bundi bushya, u, ubundi buryo bushya bwo kuvuga biti kora ibi ariko ntutekereze jyewe ndagutekerereza, nimara kugutekerereza nkubwire nti kora ibi, iyo niyo demokrasi!

Ubwo rero ariko twe tugasanga nyine ikiri ya...cya gi... cya gitugu cy'igikolonize, cyo kuvuga kiti: genda wowe ukore ibyo nagutekerereje ntidushaka ko ukora ibyo wowe witekerereje. Nyamara iyo witekerereje(twitegereje), dusanga ahanini ibyo batekereje ari ibishaka kuyobya cyane abanyafurika, akenshi bibashyira mu mwiryane. Ugasanga nibo batangira kuryagagurana, ugasanga nta gihe, nta gihe na rimwe, Afrika ishobora kuzatera imbere mu gihe abo bantu bakituri ku mutwe, mu gihe bakikorera ibyo bishakiye ariko bakatubwira ngo nitwebwe tube... tubikore bamaze kudutekerereza.

Aha rero nagirango abantu benshi, abantu bose bateze amatwi Radio RTLM, babitekerezeho niba bafite icyo bakwongeraho nabo ubwabo bakaba bagira icyo bo bungura Radio RTLM kugirango natwe tujye tubigeza ku bantu bose batwumva.

Amakuru y'i Burundi rero aho yari ageze muri aka kanya ni ayo ariko turagumya gukurikirana ...gukurikiranira hafi ikintu cyose kigenda gihinduka mu Burundi turagenda tubibagezaho.

Mu kanya rero nababwiraga na none ko FPR iriho itegura hhu... imigaragambyo. Iyo FPR rero iriho irateganya kongera kuroha igihugu cyacuu...ooo...mu muriro. Hhu, ibyo rero irabimenyereye, ibizobereyemo kandi usanga ikoresha amayeri menshi cyane kugirango igihugu cyacu cyongere ee...igihugu cyacu mbese kizabe umuyonga.

Ubwo go inzego z'inzibacyuho zaguye nizitajyaho mu maguru yihutirwa, hhu, hhu; FPR iramanura mu muhanda abaturage bose ba Sous-Préfecture Kinihira, ngo bi...binubire ko izo nzego zasigaye zitajyaho. Nyamara kandi izo nzego ee...zivugwa ni izo yishakira ubwayo, yifuza ko ari zo zajyaho, cyangwa se izo abafatanyije n'Inkotanyi bifuza. Ubu iriho irasansibiriza

abaturage ba za Secteur Buramira, Murambi ndetse na Bugenda, kuzaza ejo tariki ya 25 z'ukwezi kwa gatatu 1994, ari benshi kwigaragambya.

Ibintu rero twese twibaza ni uko kariya, hariya ari mu karere ubundi katagomba kurangwamo ibikorwa bya gisirikari. Ni nde se uzabungabunga umutekano w'abo baturage, ko abajandarume bacu batagomba kuk...kuhagera. Kimwe ndetse na FPR, yo twibaza na none uyiha uburenganzira bwo kwidegembya, byo kuvogera kariya karere mu gihwe amategeko yemeza ko katagombye kurangwamo ibikorwa bya gisirikare, kandi ako karere kakaba karebwa cyane, kagenzurwa n'umutwe wa MINUAR. Nta muntu n'umwe rero wamenyeshejwe na gahunda yee... y'iriya myigaragambyo.

Gusa ikizwi, hakurikijwe imyiteguro ya FPR, nk'uko kandi zibisanganywe harimo no kuzamena amaraso kugirango amahanga azahite atwi... aa...atwuka igitutu kugirango ziriya nzego ngo zikunde zijyeho. Ariko ha... hariho abantu bavangavanga ibintu. Nta na rimwe ee...ubutegetsi bw'u Rwanda bwanze ko ziriya nzego zijyaho. Ntabwo kandi inzitizi ee...zituruka ku bantu bumva ko ari bo babitera hano mu gihugu. Inzitizi zifite ahantu ziri. Ahantu ziri rero ni abantu bajijisha, bagira amacenga muri iyo mishyikirano,ee... kugirango izo nzego zijyeho ahubwo bo bifuza ko uko inzego zajyaho hatakurikizwa amategeko y'Arusha. Bo bakavuga bati, ee...nako ariya masezerano y'Arusha. Bo bakagirango ahubwo hajyeho uko babyifuza. Bati niba ee...Ministeri y'Ubuta...y'Ubutabera idahawe PL igice cya LANDO ntabwo tuzajya muri ubwo, muri izo nzego. Ugasanga ni amananiza kuko mwe... mu masezerano y'Arusha, ntabwo ibyo bintu birimo. Abo bantu rero kuvuga ngo noneho ngo tu...tuzajya mu...mu mihanda twice kugirango tuzabone iriya Ministeri, dusanga ari ukuvangavanga ibintu, ari ugusa... ari ugushaka gusa, kumena amaraso nk'uko bo babimenyereye.

Si ibyo gusa, kuko FPR ifite n'umugambi wo kuz...guhohotera abanyamahanga bose baba mu Rwanda muri rusange ariko cyane cyane ku bw'umwihariko ikibasira abakora muri z'Ambassades hano i Kigali. Abazashobora rero guhunga muri abo banyamahanga bazahita bitahira iwabo, bityo u Rwanda rubeho nta muntu w'umudiplomate ururimo. Ku buryo rero amahanga yose azabonamo u Rwanda ishusho, ishusho y'abicanyi gusa. Ubwo bikazatuma na none bagira, buka igitutu ubutegetsi bw'u Rwanda, "Gouvernement" y'u Rwanda kugirango iri...ziriya nzego z'inzibacyuho zijyeho.

Nyamara ibi byose, bikubiye mu magambo ntabwo ari ibyo mpimba, bikubiye mu magambo uriya, umukuru w'umukuru w'umu...w'ishya...hm...w'umuryango w'umutwe wa FPR Inkotanyi, uriya KANYARENGWE Alexis, yavugiye i Muvumba tariki ya 19 z'ukwezi kwa gatatu1994.

Ayo magambo rero yavuze aka...ukaba ubona ko yemeza rwose ko, bu bish...bo) bishakira intambara ari nta kindi bagamije ndetse bakaba ari bo nzitizi ya mbere, jye nakunze kubivuga, nibo nzitizi ya mbere batuma ziriya nzego zitajyaho.

Kuko mu by'ukuri nta mu député n'umwe wa FPR wigeze yangwa, nta mu Ministre n'umwe wa FPR wigeze yangwa, ariko iyo bavuze bati itariki yo kurahira ni iyi n'iyi, ugasanga FPR yiha kubura, usanga ko mu by'ukuri ari yo idindiza ishyirwaho rya ziriya nzego kuko iramutse

ihageze, n'ubwo bariya b'Agatha batahagera, n'ubwo ii...iriya...ruriya ruhande rwa LANDO rutaba ruhari, nta kintu cyabuza ziriya nzego kujyaho,ariko kubera ko FPR yateye igamije ikintu kimwe gusa, yadushoyeho intambara igamije ikintu kimwe gusa nta kindi; ari ugushaka kwifatira ubutegetsi.

Niba rero ubwo butegetsi yarabuburiye mu mirwano, yarabuburiye mu mirwano...mu mirwano yabaye, igasanga Arusha yarabonye igipande kimwe cy'ubwo butegetsi, yo iragira iti, irashyekerwa ikagira iti: nkomeje ubutegetsi bwose nabwigarurira. Reka nkore gutya na gutya iriya Ministeri ibe iyanjye.

Twabivuze tuti: Inkotanyi zifite Ministeri y'Ubutegetsi bw'igihugu n'Amajyambere ya Komini. Inkotanyi zizagira kandi ee...Etat -Major zizaba zungirije, ziyobora Etat-Major ya Gendarmerie. Premier ee... Ministre tuzi icyo ari cyo; FawustiniTWAGIRAMUNGU akenshi tuzi aho abogamiye.

Ikindi uwungirije Premier Visi Pre...ee...Ministre, Premier Visi Ministre, umwungirije, ni ukuvuga umwungirije azaba aturuka muri FPR. Inzego zose zishinzwe kubungabunga umutekano ndetse n'iperereza zizaba zose ziri mu maboko ya za servise zose za Premier Ministre. Ubwo rero bakubitireho ni uko bashobora no kuzatanga umukandida uzayobora Inteko Ishinga Amategeko, uturuka muri ee...muri PL ku ruhande rwa LANDO, ndetse yaba atanatowe hakazatorwa uturuka ee...mu ishyaka PSD kandi tuzi uko ririya shyaka rya PSD ririho rikora.

uzi twese ko rikora rikorera FPR. Nta munyarwanda mu by'ukuri uri mu gihugu imbere tuzi ririya shyaka ririho rikorera, rikaba ririho rikorera FPR gusa. Nibamara rero gufata ibyo byose, ikintu bashigaje gusa, ngo babe bafite ubutegetsi bwose ni iriya Ministeri y'Ubucamanza. Aha tutakwibagirwa ko bafite na Ministeri y'Urubyiruko, FPR ikagira na Ministeri y'Ubuvuzi.

Ibyo byose irabifite, ubwo rero ikaba ishigaje gusa na Ministeri y'Ubucamanza kugirango niramuka ibonye iriya Ministeri izice ikize. Icyo gihe ni bande bazahagwa? Abazahagwa ni rubanda nyamwinshi. Kuko ubutegetsi buzaba buvuye mu maboko ya rubanda nyamwinshi, maze bushyirwe mu maboko ya ba nyakamwe, y'abantu bake. Ku buryo rero, batazifuza ko ubwo butegetsi buzongera kubaca mu myanya y'intoki.

Icyo bazakora rero ni iki. Ikizakurikiraho n'iki, nta kindi bwa bwicanyi batangiranye buzongera...buzakomeza ntabwo buzahagarara. Ntabwo buzahagarara, abantu benshi bazicwa, abantu bari baratwaye buriya butegetsi, muzi ko twabubonye nabwo hakurikijwe demokrasi muri "révolution" yacu yo muri 59, ariko harimo abantu babyiyibagiza bagashaka gufatanya n'Inkotanyi kugirango iriya "révolution" izimangatane. Ibyo byose ni bibi.

Nibimara kuba murumva ko abakorera FPR, aribo ba TWAGIRAMUNGU, ntabwo banabwo...(ntabwo) bazacika intege, bazazigumyabazi... bazikorere, noneho ba bantu, muribuka ko ba bantu bajyaga babwira bati mukore ibi, mukore ibi, mubohoze n'iki; bazagomba kugirango babagarure, ubikoze bamuhane.

Ugize atya yicwe, ubwo rero ukazasanga ko nta gihe , igihe cyose ubutegetsi buzava mu maboko

ya rubanda nyamwinshi, ikazajya mu maboko y'agatsiko kamwe ari ko ka FPR, ndetse na kariya ka LANDO,ee...ngo barangajwe imbere n'abahutu bagize udukingiri...udukingirizo twabo ari bo bariya ba TWAGIRAMUNGU, na ba KANYARENGWE, n'abandi bose barimo bakorera FPR ukazasanga baribasira abahutu bari bafite ubwo butegetsi kugirango babarimbure nk'ibiriho bibera i Burundi, n'ibyo tubabwira ko ibibera i Burundi bishya bishira hano mu gihugu cyacu mu Rwanda, kugirango babarimbure ku buryo batazarota banatekereza kongera kufata buriya butegetsi. Icyo rero akaba ari cya kintu cyo kuvuga ko ari bo baremanywe imbuto yo kugirango bakomeze bategeke. Uwaba yarafashe ubwo butegetsi bakaba bamucura inkumbi.

Ngibyo rero uko ibyo bintu bya FPR byifashe, aha ariko tukaba tubabazwa n'uko abanyamahanga babirebera nkaho ibyo bintu bashoboye kubikiranura bakurikije la majorité, bakurikije rubanda nyamwinshi, ko ari yo itagomba kuhazaharira, ko batagomba kuyambura ubutegetsi yiboneye muri Révolution yo muri 59, hakurikijwe demokrasi, ahubwo ugasanga aho kugirango babikore bakabogamira kuri ako gatsiko k'abantu bake, bumva ko ibyabo ari byo by'ukuri. Aha ariko tugasanga ko nanone rubanda nyamwinshi itazabyihanganira, itazabyemera, bo bakaba bashaka kugirango icyo kintu bakomeze bakirwanye.

Ubu rero amakuru arakomeza, arakomeza usibye ko,ee...hashobora kuba hari wenda inkuru yihutirwa mu kanya cyangwa se itangazo ryaba ryihutirwa ngiye kurireba gato, nasaba technicien ko yaba adushyiriyeho akaririmbo noneho nkagaruka tugakomeza amakuru yacu.♫

20.4

...Ngo twebwe abarwanashyaka ba MRND bo muri komini Tumba, tura...tubabajwe no kubamenyesha ko... dufashwe kwamagana, badufashe kwamagana, ba bo baya...abo baturage rero barwanashyaka ba MRND bo muri komini Tumba, barasaba abantu ngo ko babafasha kwamagana umugambi mubisha wa FPR wo kwica bamwe muri abo barwanashyaka ba MRND bomuri ako karere. Uwo mugambi mubi FPR ikaba iwufashijwemo n'abantu batuye muri iyo komini ya Tumba, rwose ku buryo n'amazina yabo ahari hari uwitwa:

BUKEMBIZI Alphonse akaba murumuna wa KAYINAMURA Gregori,
Hari : KAREKEZI Paskali
Hari : RWABAKIKA Diyoniziyo
Hari : MUHAYIMANA Jean de Dieu
Hari na TWAGIRAYEZU Innocenti

Abo rero bibasiye cyane muri iki gihe abantu baba muri ako karere, baturiye ako karere ariko cyane cyane nk'uko musanzwe mubizi, muzi ko FPR yibasira cyane abayoboke, abarwanashyaka ba MRND, ndetse na CDR. Ubwo bariho ngo barabaziza ngo ko baba bafite intwaro kandi mu by'ukuri izo ntwaro ngo ari ntazo bafite. Abo baturage rero rwose bariyambaza abantu bose bagasaba MINUAR ko yabigenzurira hafi hanyuma igatangaza ukuri. Bakaba basaba rwose ko ha...yakwita k'umutekano w'abo bantu kugirango Inkotanyi ze kubamarira ku icumu. Kuko akenshi basanga ko zibaziza ibitekerezo byabo.

Ubu mu by'ukuri, tukaba tunafite ibarwa y'umuntu... ya Preyi...y'ushinzwe umwe mu ba...umwe

mu barwanashyaka ba MRND aho ngaho yandikiye Prezida wa MRND hano i Kigali muri prefegitura nako muri Prefegitura ya Byumba. Ati tumaze kumenya ko hari agatsiko gakorana n'Inkotanyi, Inyenzi kagamije kwica abarwanashyaka ba MRND bazira nyine ibitekerezo byabo.

Ati " tumaze kubona ubwo bugizi bwa nabi, twifuje ko mwadutera inkunga kuko abo bantu murumva ko barara batarara, bataraye. Buri gihe baba bahagaze imitima itera, iri mu mutwe bavuga bati ni ejo ni uyu munsi ni ejo se.

Ugasanga rero badasinziriye ku buryo baba bashaka kugirango wenda babe babona nk'ahandi hantu baba bibera kugeza igihe wenda uwo mwuka mubi urangwa muri ako karere murazi Prefegitura ya Byumba, nako komini ee...komini Tumba, nayo ikaba iri muri ako karere." Abo rero barwanashyaka ba MRND, bakaba bafite izo mpungenge kubera nyine ibikorwa biriho bigenda bikorwa, n'abo baturanyi babo n'abo bavandimwe babo baturuka hamwe muri komini imwe ariko biyemeje gukorera, gukorera nyine Inkotanyi.

Ubu rero bakavuga bati kugeza ubu turabamenyesha ko nta muntu n'umwe muri twe urara mu nzu. Ubwo rero mugasanga ko abo bantu koko bababaje niba FPR ikomeje gukora biriya bikorwa byabo by'ubwicanyi, ugasanga ntacyo bishobora kutumarira.

23.4

Indi nkuru na none nababwiraga ni izerekeranye n'umwuka mubi wakomejwe kubagezwaho, uwo mwuka mubi urangwa muri komoni Giciye. Mu by'ukuri muri Komini Giciye twashoboye kubona, kuvugana n'abayobozi ba Komini Giciye, mu gihe bakoraga inama ya Komini Giciye ishinzwe umutekano.

Iyo nama rero mu by'ukuri twaje gusanga ko abantu bashyamiranye ari abantu babiri muri iyo komini; ari umugabo witwa KURADUSENGE Thomas akaba ari umwungiriza wa Bourgmestre, akaba ndetse ari Prezida w'Interahamwe muri iyo komini.

Hakaba rero n'undi witwa BAZIVAMO Christophe, we mu by'ukuri utanakomoka muri iyo komini, ahubwo ukomoka muri Komini Cyungo ya Prefegitura ya Byumba, akaba rero akora mu mushinga ushinzwe kwereka, kwereka in...imihingire y'i...y'imbuto ziribwa, akaba ari muri MDR, ariko iyo MDR arimo, akaba ari ku ruhande rwa TWAGIRAMUNGU Fawustini.

Ikibazo rero abo bantu bafitanye ni uko usanga bisa ari nko guterana amagambo; uriya BAZIVAMO Christophe ati "KURADUSENGE Thomas ni Prezida w'Interahamwe, ubu rero kubera ko afite interahamwe nyinshi ayobora; nta mutekano mfite, mfite umutekano muke, uriya muntu azanteza Interahamwe ze."

Noneho KURADUSENGE nawe ati " mu by'ukuri, uriya muntu aranzira akantoteza anziza ngo ko ndi Interahamwe." Ubwo bombi habaye inama, inama yayobowe na..., ejobundi ku wa kabiri niho yabaye, iyobowe, ku wa kab...ku wa gatatu, ku wa mbere nako niho yabaye iyobowe na Bourgmestre wa komini Giciye Bwana HAGUMIMVUGO Isaac.

Ubwo rero inama yarayiyoboye, bose bavuga amagambo yabo, ariko asanga ibintu atari...atabyihererana, yanga guhita afata ibyemezo muri iyo nama, yiyemeza kugirango iyo nama

azayaguriremo abandi bayobozi baba ab'imirimo muri ako... muri iyo komini, baba abayobozi, abategetsi bahari bayobora za Usines z'icyayi ndetse na ba...n'abandi bategetsi nka Sous Perefe wa pré...wa Sous Prefegitura ya Kabaya Bwana SEMASAKA, abajyanama bose ba Komini Giciye, ndetse n'abahagarariye amashyaka muri iyo kimini ariyo MRND na CDR, ndetse agasaba n'umuyobozi wa MRND wa MDR nako muri iyo komini ariko wibera i Kigali, ngo Bwana AFRODISI, akaba ngo akora muri farumasi ya KAMALI ndetse na ba diregiteri babiri bo muri ako karere, bo mu Nganda z'icyayi Rubaya na Nyabihu, ko bagomba kuba bari muri iyo nama.

Ubu rero iyo nama yari iteganyijwe uyu munsi. Nk'ubu rero mbibabwira ndumva ko iyo nama irimo, abo bantu bose bakaba bahuye, ndetse n'uriya AFRODISE uhagarariye M DR muri iyo komini, agomba kuba yayigiyemo kugirango buriya bwumvikane buke buri hagati ya bariya bantu bombi bushobore kubonerwa umuti bitarinze kwanduza Komini yose kuko Bourgmestre w'iyo komini ubwe, ubwe yaduham...yatwibwiriyeko nta mut...nta bwumvikane buke buri hagati, ee...buri hagati y'abaturage ko ahubwo buri hagati y'abo bantu ariko budakemuwe, butabonewe igisubizo vuba bushobora kugenda bukwirakwira hose . Akaba ari yo mpamvu rero yihutiye gukoresha ariya ma nama.

Ubwo ariko ikiza... imyanzuro iri buze kuvamo ntabwo iratugeramo, iyo nama yaba irimo, twasaba Bwana Bourgmestri niba n'ubu atwumva ko imyanzuro yava muri iriya nama yagerageza kuyigeza kuri Radio RTLM vuba kugirango bishobore ku...gusobanuririrwa abaturage kuko hariho abantu bashobora kubifata nabi. Ikindi ni uko ikigaragara cyane, usanga ko iyi nama yabaye nko ku wa mbere, hagati aho ariko tukaba twari twabagejejeho ko hari umwuka mubi ariko tutazi neza ahantu ushingiye ariko tuzi ko waba ushingiye mu baturage tu... Ubu rero bikaba bigaragara ko atari byo.

Atari byo ariko igitangaje ni uko umwe muri bariya bagabo, yageze hano kuri Radio RTLM, kandi nyamara basanga ko ariwe ushaka kuzana ngo umwuka mubi, ashaka gukwiza igitugu muri komini Giciye uriya BAZIVAMO Chistophe, agamije kugirango nyine ahazane umwuka mubi ngo yaba ari igikoresho cya Premier Ministre w'inzibacyuho yaguye Bwana RUKOKOMA, ndetse na Madamu UWILINGIYIMANA Agatha kugirango hatezwe umwuka mubi muri Komini Giciye, muzi ko ituranye na Komini Karago, ku buryo rero uwo mwuka mubi uzaza uturutse muri izo Komini zombi, ugatuma wakwira hose noneho abantu bagatangira bakavuga bati ndetse niba binashobotse niba FPR nk'uko muri iki gihe tuzi ko twasinye amasezerano y'amahoro, kuko tuyivuga ko iyo ibonye yacitse intege igerageza gushaka ko yakwisuganya, icyo gihe ndetse Inkotanyi zikaba zigenda zikwirakwira hose.

N'aha nta cyatwemeza ko ibyo bintu bitaba bifitanye imvano, ko izo Inkotanyi nazo zaba zigenda zicengera gutyo noneho bagashaka imvano y'uko hariya hantu haturuka ikintu cy'umwuka mubi, noneho zigahera ahongaho zikora amarorerwa bikitirirwa ko, noneho imvururu zaturutse muri ako karere, muri izo komini uko ari ebyiri.

Ubwo bikaba byahama abategetsi bakuru b'iki gihugu bati ndetse byaturutse hariya aho kanaka avuka. Ibi bintu rero ni ukubyitondera kuko uriya BAZIVAMO yumva ko agomba no gukoresha RTLM uko yishakiye mu by' ukuri dusanga ko atari byo, akaza abeshya ati kanaka uriya ndetse yagize uruhare mu bwicanyi, ndetse raporo igaragaza ubwicanyi muri kariya karere yakozwe na

komisiyo yari iyobowe na...na Bwana IYAMUREMYE Agustini yaramuvuze, n'iki; ibyo bintu nabivuze ngitangira ko iriya raporo umuntu wese ushaka ukuri ashobora kuzayifata akayisomera akareba aho ukuri guhereréyeye, ubwe azahita abona ko iriya raporo ibogamye, ibogamye cyane ku buryo isa... usanga icira abantu, ibacira urubanza itaburanishije kuko igenda ikicarira hariya, ikikorera iperereza ryayo ku ruhande rumwe ariko urundi ruhande ikarwirengagiza.

Ibi ndabivuga kuko nayisomye, nayanditseho nandikaho, nyandikaho inshuro nyinshi, jye narayisomye ntabwo ari ibintu mpimba rero, n'undi wese yayifata akayisoma. Ikindi nzi ni uko uriya Asisita wa Komini Giciye koko bamuvuzemo ariko, iperereza ryasanze ari umwere. Ku buryo rero usanga uriya BAZIVAMO mu byo ukuri, nyuma ya iriya nama yari yahujwe na Bwana Bourgmestre wa komini Giciye, yari gutegereza indi myanzuro iva mu nama y'uyu munsi mbere yihutira hano kuri Radio RTLM akagira ibindi ibindi bintu atangaza, nyamara kandi ntabwo yigeze ahingutsa ko iriya nama yabaye.

Aha rero mugasanga ko ndetse uwaba afite, ateza umwuka nu...mubi ariho yigaragaza. Turamusaba rero ko atazongera kuza gutangaza ibintu nk'ibyo kuko aba ari ibintu biba bishaka gushyamiranya. Ntabwo abishakira umuti ahubwo ashaka kugirango muvuge muti kanaka ariho arakora ibi ndetse yakoze ibi n'ibi.

Twe turashaka rero ko yaba aretse noneho inama y'umutekano ya komini yaguye yateranye uyu munsi ikagira imyanzuro itanga, kuko biriya ni ukwitanguranwa.

30.7

**FACE B**

Orateur : BEMERIKI Valérie 0.0

Na none nababwiraga ko Radiyo nyine z'amahanga zivuga ugasanga hari ibintu koko zivuga by'ukuri. Nababwiraga ko Radio BBC yo mu Bwongereza yumvikanye tariki ya 21 z'ukwezi kwa gatatu 94 saa kumi n'imwe n'iminota mirongo itanu, mu kiganiro cyayo yise "Network of Africa"hari ibintu yadutangajeho. Ariko umuntu wadutangajeho ni umunyamakuru wacyo witwa Madamu Fiona LA BARASSIERE.

Uwo mudamu rero yatangaje ko azi neza ko Inkotani zikomeje gushora urubyiruko rw'u Rwanda bu bikorwa bya gisirikare. Madamu Fiona aremeza ko Inkotanyi zitwara urwo rubyiruko zikaruha imyitozo ya gisirikare zarangiza zikarwohereza mu ma komini yose y'igihugu, kugirango Inkotanyi niziramuka zigabye ibitero, izindi nazo zizahere imbere mu baturage. Bimwe nababwiraga rero by'ukuntu Inkotanyi iyo zibonye akanya zigenda zicengera kugirango zigere mu baturage ndetse bagafata n'urubyiruko bakajya kurwigisha narwo rukazaza nyine rucengera mu baturage, igihe rero Inkotanyi zazuburira imirwano, nazo zigahera imbere zishoza iyo mirwano.

Madamu Fiona LA BARASSIERE yari umunyamakuru wa BBC, buriya yari correspondant wa BBC, ya Radio y'Abongeleza ayihagarariye i Kampala. Akaba rero yaragiye akurikirana cyane ibikorwa bya FPR, ndetse akaba yari inshuti ya FPR cyane. Amaze rero kubona ukuri kose ku marorerwa ya FPR, dore ko nyine yari yarazi...zaramwiyegereje rwose, yahisemo kuzitarura ati narabamenye.

Ubwo nibwo uriya Mudamu w'umunyamakuru Fiona LA BARASSIERE azitaruye akaba aziziho ibintu byinshi. Iyo rero hari abantu bagize ikibazo bamubaza, ntabwo ashidikanya kugisubiza kuko iyo cyane cyane kerekeranye n'ibikorwa by'ubugizi bwa nabi Inkotanyi zikora, aziziho byinshi, we rero nibwo ahita abitangaza ati Inkotanyi ndazizi narazi...nabanye nazo, nari ndi i Kampala nazo zihari, ndi correspondant wa Radio BBC y'Ubwongeleza ndazizi bihagije. "Ati rero ibintu byose mwazimbazaho nabibabwira."

Nk'ubu rero icyo ni kimwe rwose yatubwiye, iyo Radio yatangaje kuri iriya tariki ariko ubwo hari n'ibindi. Nk'uko iyi Radio BBC, yumvikaniye i Kigali, uyu munsi tariki ya 24 z'ukwezi kwa gatatu 94, saa kumi n'ebyiri n'iminota mirongo ine n'umwe yabitangaje iti " Ububiligi bwiyemeje guhagarika imfashanyo bwageneraga u Rwanda."

Muri make rero, ngo muri uyu mwaka wa 1994, Ububiligi ngo buzagenera u Rwanda imfashanyo irebana n'ibi...n'ibyihutirwa gusa, aribyo bise" actes destinés aux urgences"n'imishinga yatangiye gusa. Kuvuga rero ko nta mushinga mushya Ububiligi buzongera gutangizwa...gutangira hano mu Rwanda.

Impamvu se ni iyihe, ntayindi. Ngo ni uko HABYALIMANA n'abamushyigikiye ndetse ngo na CDR banze ko ziriya nzego z'inzibacyuho ngo irimo na FPR yajyaho.

Ngibyo muri make ibyo u Rwanda ruzize, nyamara kandi ababikurikiranira hafi, turasanga mu by'ukuri, ntabwo kugirango ziriya nzego ze kujyaho, ari HABYALIMANA ubitera, cyangwa se abamushyigikiye, aha ngaha barirengagiza ukuri aho guherereye.

Ntabwo HABYALIMANA yaremye ishyaka rya PL, ibyo turabizi, tuzi inzitizi ahantu zituruka, tuzi ashaka gu...abariho barwanira Ministeri y'Urubyi...yi...Ministeri y'Ubucamanza, tuzi abo aribo kandi mu by'ukuri amategeko atabemerera iyo Ministeri. None se ni HABYALIMANA?

Ahubwo ni FPR n'igice cya PL kegereye LANDO kirwanira iriya Ministeri. Kigashaka rero ko iriya Ministeri yajya iwabo, abandi bati murayitwambura kubera iki, kubera iki Ministeri y'Ubucamanza yari iri kwa PL LANDO nako MUGENZI bashaka kuyambura kugirango bayihe LANDO. Ubwo rero hagati aho ugasanga ari ikibazo kikiri mu iryo shyaka kitarasobanuka neza.

Ikindi kandi na none, bikaba ari ikibazo kikiri muri MDR. Ibyo birumvikana, birumvikana icyo kibazo muri MDR kirahari, kuki bagumya kukirengagiza cyo bakagishyira ku ruhande bashaka kuvuga ko icyo kibazo kidahari.

Tuzi neza ko hari abadepite ba MDR bitorewe ku buryo bw'umugaragaro n'ishyaka ryabo bagomba guhagararira iryo shyaka mu Nteko Ishinga Amategeko. Ariko ugasanga

TWAGIRAMUNGU na Agatha siko babibona bo bagashaka kubasimbuza abandi.

Nyamara ibi na none bikubiye ku ku nyandiko ingezeho muri aka kanya ivuga ko ibeshyuza. Bati barabeshyuza Madamu UWILINGIYIMANA uherutse gufata micro akabeshya abanyarwanda ku byerekeye abadepite ba MDR. Kuri we rero ngo nta n'umwe ufite urubanza rwarangiye ngo wabaye...rwabaye itegegeko ngo jugement ou arrêt définitif, vous pourez en force de chose juger comme le permet: un terme technique juridique. Aha rero twamwibutsa ko urubanza twashoboye kumva kuri Radio, ari urwa KAMALI Sylvestre rwaciwe ndetse rufite irangiza...irangizarubanza rw' agateganyo: exécution provisoire.

Ibi rero bivuga ko uru rubanza rugomba guhita rurangizwa nk'aho ari urubanza définitif; mbese rwarangiye nta yindi nzira umuntu ashigaje. Ni ukuvuga rero ko muri make KAMALI Sylvestre n'abandi ba depite bose bazaha irangizar...irangizarubanza rw'agateganyo ari bo badepite ba MDR bemewe. Impamvu ishobora kubihagarika ni imwe, ni uko uwab...uwatsinzwe yajurira cyangwa se agasubirishamo urubanza ari uko urwo rukiko yajuririye cyangwa se ruzar...ruzasuburishamo urwo rubanza rugafata icyo bita ordon...ordonnance de suspension d'exécution provisoire, aribyo bivuga icyemezo gihagarika irangizarubanza rw'agateganyo.

Agatha rero bati nareke kugumya kurimanganya abeshya.aa ...anyarwanda nkaho ntabize amategeko u Rwanda rugira. Aha rero twasaba Madamu UWILINGIYIMANA Agatha kutagumya kuyobya abanyarwanda kuko ntacyo byamumarira usibye kuroha igihugu mu nzitane, usibye kukigumisha nyine mu nzitanye mu bibazo by'urudaca, no gutuma banyarwanda basubiranamo. 8.1

Ubu rero abakomeje kudutega amatwi muri iki gitondo, mwari muri kumwe na BEMERIKI Valeriya.a.., kuri technique hari NTEZIMANA Jean. Ubu rero murabona ko saa sita ishigaje umunota umwe muri studio zacu, nagirango mbasezereho, nkaba mbifuriza gukomeza kugira umunsi mwiza mukaza kuba muri kumwe na bagenzi bacu nimugoroba saa kumi n'ebyiri. Mwiriranwe amahoro y'Imana.♫ 8.5

Orateur : HABIMANA KANTANO 0.0

...Ubu rero ndakeka ko nta myigaragambyo ihari, abantu rero bateghereje, bate...bategereje irahira ry'abaministre, irahira ry'abadepite, hanyuma noneho ariko abantu ntibabuze ibibazo bibaza, abantu ntibabuze ibibazo bibaza, kandi ni mu gihe reka babyibaze. Ku giti cyanjye dore ibintu nibaza uuu, ibintu nibaza: Madamu UWILINGIMANA Agatha, Ministre w'Intebe wa Gouvernement yaheze mu cyuho,ejo yatangaje ko inzego z'inzibacyuho zisigaye; ni ukuvuga Gouvernement n'Inteko Ishinga Amategeko, bijyaho uyu munsi, tariki ya 25 z'ukwa gatatu 94, yongeraho ngo abazarahira bazahagere saa mbiri n'igice, saa mbiri n'igice.

Nizere y'uko bariye bihagije, ariko hagati aho igiteye agahinda; yateguje ingabo, abajandarume,

ba MINUAR n'ibindi ngo bazarinde umutekano. Ibyo rero aho bitereye agahinda ni uko, ku munsi nk'uyu, abantu baba bavuga bati, inzego z'ubutegetsi zigiye kujyaho, ikintu abantu bari bategereje kuva kera kugirango biruhutse, ikintu rero giteye agahinda ni uko ubundi byagombye kuba umunsi mukuru, byagombye kuba umunsi mukuru, ariko kuba Madamu UWILINGIYIMANA Agatha ateguza ingabo ngo zambare zifate amasasu zigire gute zirwae n' abaturage, ndakeka y'uko ari uko ibintu bififitse, ibintu ni uko bififitse, naho ubundi ku munsi mukuru, abantu batumira abantu bakicara baka...bakaywa ubundi bakanezerwa, hanyuma noneho bakavuza impundu, ariko ndakeka y'uko atari ko uyu munsi biri bugende.

Nuko rero , ni kimwe no kubona uzategeka abaturage, uzategeka abaturage agenda n'abasirikaree n'abasirikare b'ababibiligi inyuma abandi hejuru iki, ubwo noneho nk'aho yashuhuje abaturage ahubwo akiruka muri blindé aherekejwe n'abo bazungu. Ubwo birumvikana se wategeka abaturage ugenda muri blindé gute? Uhhn? Ntabwo ari ibintu by'i Rwanda.

Ariko se ubundi abarahira ni bande uyu munsi? Niba koko bari burahire kuko n'ubwo Madamu UWILINGIYIMANA Agatha avuga y'uko ngo ibyo itariki n'ibyo avuga ngo yabyumvikanyeho na "Président" wa Republika, si ubwa mbere Madamu UWILINGIYIMANA Agatha atubeshya, dutegereje rero icyo Président, Prezidanse ya Republika yadutangariza, niba koko uwo muhango uri bube. Mu kanya turareba , turabikurikirana.

Kuko iyo turebye ibyo Prezida wa Republika yasabye Ministre w'Intebe Madame UWILINGIYI...UWULINGIMANA Agatha, dusanga mu byo ukuri, nta na kimwe yubahirije, nta na kimwe yubahirije kuko dore nk'ishyaka CDR, ishyaka CDR, abantu bari bishimye ngo n'akanya kamwe ryaharaniye, iryo shyaka riharanira, riharanira rubanda nyamwinshi.

Abantu baravugaga bati n'akanya kamwe rya... ryiyuhiye akuya yenda rirakabonye, ariko Madamu UWILINGIYIMANA Agatha yabivuze mu magamboo bita "sibilaire" ku buryo amagambo rero acurikiranye, ku buryo ariko ko uko byamera kose tutumvise ahamagara depite wa CDR ahubwo yandi..yongeyeho depite wa PL wasimbuye Nyakwigendera SAFALI.

11.7

Mu ishyaka PDI, mu ishyaka PDI nta kintu.uu.. nacyo kirarasobanuka neza. Ntabwo turamenya niba ubu ngubu uwashyizemo ikanzu mu ishyaka Riharanira rero Demokrasi ya Kisilamu, ntabwo turamenya niba uwambaye ikanzu yashyizemo n'akagofero ari KIBATA Djuma. Shehi KIBATA Djuma cyangwa ari HAMIDU Omar, ubu abagore babo ntawamenya uwatetse icyayi na tangahuz, ntawamenya uko bimeze, ubu se mama bose barajyayo, ese bararwanirayo, ntawamenya, ntawamenya ubu ngubu nabyo turabitegereje.

Hanyumaa, Madamu UWILINGIYIMANA Agatha muri MDR, mu badepite ba MDR, TWAGIRAMUNGU Fawustini alias RUKOKOMA, aranze aa...arababindikiranyije, abadepite bo mu gipande bita power abashoye mu nkiko, abashoye mu nkiko ngo bajye kuraragira bajurira bagira gute, ibyo ni akaga kuko bazi y'uko bazasazirayo, bazasazirayo...huuu.

Mu ishyaka PL, mu ishyaka PL hari ibibazo by'ingutu, ntituramenya koko niba Ministeri

y'Ubucamanza Bwana TWAGIRAMUNGU Fawustini yakomeje , yakomeje kuyirekera igipande cy'abatutsi bayobowe na NDASINGWA Landuwardi, uko byamera kose jyewe ndabona inzego zajyaho zitajyaho. Mu kinyarwanda baca umugani bati " abatutira batongana batura ukubiri." " Abatutira batongana batura ukubiri."

Izi nzego z'inzibacyuho yaguye zitangiriye ku mva, zitangiriye ku mva, imva za ba BUCYANA, za ba GATABAZI, za ba SAFALI, na ba RWAMBUKA n'abandi, izi nzego zitangiriye ku butiriganya, ku busambo n'uburyarya buteye isoni; ni nk'inzu yubatse k'umusenyi.

Tube maso gusa, kuko ibyo i Burundi natwe byanze bikunze bitwugarije. Ababirigi bo ngo bari batangiye kuvuga y'uko bakuraho imfashanyo niba, niba ngo inzego z'inzibacyuho zitagiyeho vuba.

Ibyo ari byo byose ababiligi ntibibuka. Mbere y'uko tubona ubwigenge, mbere y'uko u Rwanda rubona ubwigenge, mu myaka myinshi; ababiligi bafatanyije n'abatutsi gukandamiza abahutu, ndakeka y'uko niba se nyuma y'imyaka mirongo itatu n'ingahe tumaze twigenga, myuma y'imyaka mirongo itatu n'itatu, bagifite ibyo bitekerezo by'uko abantu bake bagomba gukandagira abenshi, kuba mu Burayi, kuba mu Bubiligi bibumariye iki?

Ko ubundi muri demokrasi, muri demokrasi, abantu benshi niboba...nibo ba...jya ku butegetsi kuko nibo baba bafite abayoboke benshi, hanyuma noneho bakarwana ku nyungu za bake. Ariko rero ntabwo ari abake bajya hejuru ya benshi kugirango babanige, ibyo bintu rero ababiligi bashyigikira ino ndakeka y'uko ahubwo aho kugirango byunge abanyarwanda ndakeka y'uko bibateranya, ubwo rero, abumva Radio yigenga RTLM dukomeze dutegereze.

Muri iki gitondo, hano kuri micro muri kumwe na HABIMANA KANTANO, hanyuma kuri technique hari KAMANZI Lawurenti, turagenda rero tubagezaho uko ibintu bigenda bihinduka, uko ibitekerezo bigenda biza turagenda tubibagezaho kandi ntacyo tubahishe kuko muzi ko radio yanyu igenda ibabwiza ukuri.

Ariko hagati aho abatwumva bo muri prezidanse iyaba bari bagerageje kutubwira koko niba imihango iteganyijwe uyu munsi iba cyangwa se y'uko iteganyijwe, cyangwa se hari indi nkomyi. Ibyo ari byo byose turategereje kandi turabibagezaho byose uko biigenda, ahasigaye rero mugire umunsi mwiza, bene sebahinzi, bene seborozi, bene sebabumbyi twese turi bene kanyarwanda, ayee... nicyo gituma mbatuye iyi ndirimbo.♫

15.7

...n'umwe muri studio za Radio yigenga RTLM ivugira i Kigali, abakunzi ba Radio RTLM mukomere turabasuhuza mugire umunsi mwiza w'itariki ya 25 z'ukwezi kwa gatatu 94. Maze rero mbere y'uko dukomeza kumva impuruza ya BIKINDI, henga mbasomere iri tangazo ryihutirwa:

Ry'ishyaka Riharanira Demokrasi ya Kisilamu PDI rigenewe abumva Radio RTLM.

Komite nyobozi ya PDI, imaze kumva itangazo rya Ministre w 'Intebe Madamu UWILINGIYIMANA Agatha, ryahise kuri Radio Rwanda tariki ya 21 z'ukwa gatatu 94, komite nyobozi ya PDI imaze kumva na none itangazo ry'abiyise bureau politique ya PDI ryahise kuri Radio Rwanda itariki ya 21 z'ukwezi kwa gatatu 94, komite nyobozi y'ishyaka PDI iratangariza abanyarwanda bayo n...abarwanashyaka bayo n'abanyarwanda bose bakunda demokrasi ibi bikurikira:

1. Mu itangazo rya Ministre w'Intebe , Madamu UWILINGIYIMANA Agatha yavuze ko umudepite wa PDI we atamubonaho ikibazo, ahubwo ko ngo Prezida wa Republika ari we ubona ikibazo k'umudepite wahagararira PDI mu Nteko Ishinga Amategeko mu nzibacyuho yaguye, irimo FPR Inkotanyi.

Kuri iyo ngingo komite nyobozi ya PDI iratangariza abanyarwanda bose ko nta kibazo kirangwa k'umudepite watanzwe n'ishyaka ariwe Shehi KIBATA Djduma, naho uwo Madamu Ministre w'Intebe yatangaje kuri Radio Rwanda yasimbujwe Shehi KIBATA DJuma kubera ko uwo we ashyigikiye atubahirije ibyo yasabwaga n'Ishyaka Riharanira Demokrasi ya Kisilamu PDI.

Komite nyobozi yafashe icyo cyemezo cyo kumusimbuza Shehi KIBATA Djuma, mu nama yayo yo ku itariki ya 16 na 18 z'ukwezi kwa mbere 94, akaba rero yaratowe ku buryo mu buryo bu...huje n'amategeko agenga ishyaka PDI.

18.3

2. Naho kubyerekeye urwandiko rwa Noteri wa Leta Madamu Ministre w'Intebe avuga ko rwandikiwe ishyaka PDI, komite nyobozi ya PDI irahamya ko urwo rwandiko nta sano rufitanye n'ibibazo by'ishyaka.

Akaba ari yo mpamvu komite nyobozi ya PDI yamagana uwo Noteri ko atagomba kujya yivanga mu bibazo bwite by'amashyaka, birazwi neza ko ntaho mu masezerano y'amahoro y'Arusha, hateganyijwe iyo mirimo y'amashyaka akunze kwivangamo.

18.8

3. Ku byerekeye umwanzuro, Ministre w'Intebe yavuze ko PDI izashyikiriza Prezida wa Republika umwanzuro yise uwanyuma, komite nyobozi ya PDI iramenyesha abanyarwanda bose ndetse n'abanyamahanga bafasha igihugu cyacu kuva mu gihirahiro kirimo ko ibyangombwa byose byasabwaga k'umudepite wa PDI byashyikirijwe inzego zibishinzwe, na Ministre w'Intebe ubwe Madamu UWILINGIYIMANA Agatha yarabishyikirijwe.

Komite nyobozi ya PDI irasanga nta zindi nzitizi ziriho ku byerekeye umudepite wayo ari we Shehi KIBATA Djuma.

Ku byerekeye agatsiko gahora kay...kiyitirira bureau politique ya PDI, komite ya PDI iratangariza abanyarwanda bose ko itahwemye kukamagana kuko urwo rwego ntaho ruteganywa mu mategeko y'ishyaka, agenga ishyaka PDI, abo bantu rero biyitirira urwo rwego mumenye ko batari no muri komite nyobozi bose, kandi n'abayirimo bafatanyije ntibashobora ndetse, ntibisobanutse ko bakwiha ububasha bwo kwihimbira urwego bishakira kugirango babone uburyo wabafasha guhitisha ibitekerezo byabo, n'ibyo abo bakorera mu izina ry'ishyaka PDI.

Komite nyobozi ya PDI iboneyeho gutangariza ukuri kw'imvaho, ko BUMAYA Andreya, HAMIDU Omar na MUKAMA Habasa, nta rwego rwa PDI na rumwe barimo kugeza ubu.

Ko kuva ubu nibongera kwitwaza izina rya PDI bazashyikirizwa ubucamanza.

Komite nyobozi ya PDI iramenyesha abanyarwanda bose n'abayoboke bayo bose ko abo bantu bavuzwe haruguru, ibyo bakora mu izina rya PDI, ari uguteka umutwe. Musabwe rero kutabafataho ukuri mu byo biha gutangaza byose mu izina ry'ishyaka PDI biyita ko ari abayobozi b'ishyaka mu rwego rw'igihugu.

5. Komite nyobozi ya PDI ntishobora kwihanganira uwo ari wese uzivanga mu mikorere yayo yirengagiza amategeko y'ishyaka, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 59.

Nyakubahwa rero Madamu Ministre w'Intebe, niba wumva Radio RTLM, Nyakubahwa baravuga bati: Nyakubahwa Madamu Ministre w'Intebe, mukurangiza iri tangazo twabasabaga ko mwagombye kujya mwubahiriza uburenganzira bwa buri shyaka cyane cyane hakurikijwe amategeko arigenga, ni ukuvuga stati.

Mugire amahoro muri demokrasi. Komite Direg...komite nyobozi, komite diregiteri ya PDI. Amazina y'abashyize, y'abagize komite nyobozi. Hari:

SINDAYIGAYA Iddi
BABUZINTURO Djuma
Shehi KIBATA Djuma
ILINIGUMUGABO Sudi
NDANGALI Radjab
HAMISI Hasani Mastylo
HAKUZIMANA Rashidi
NDANGIJIMANA...NDAGIJIMANA Nuru Hassan
NGEZE Issa
KAMANZI Jdumapili
GAHUTU Shwayibu
MUREKATETE Sada
Shehi NDIMUKAGA Hassan
KI...KIMERA Sulaiman,
NKIZINKIKO Abdul
AYINKAMIYE Khadidja

21.4

Aba bose bakaba cumi na gat...cumi na batandatu ku bagize komite nyobozi makumyabiri na babiri, ukuyemo rero uriya, uriya HAMIDU Omar umuntu abona ko abatarasinye gusa kuri iyi nyandiko ari batanu kuri cumi na batandatu, ni ukuvuga ko bakubye gatatu abagize komite, birumvikana ko bitatu bya kane by'abagize komite mu by'ukuri bifashe icyemezo ndumva ntawagikuraho, n'ubwo yaba Madamu w'Inte...Madamu UWILINGIYIMANA Agatha.

Birumvikana rero y'uko ibyo bashaka gushyiraho uyu munsi ari ibintu by'igitugu, kandi aho

kuzana amahoro, birumvikana ko igitugu aho kuzana amahoro iteka kizana amahane. 22.1

Dukomeze twumva impuruza ya BIKINDI.♫

...Dutegereje y'uko haba umuhango, umuhango wo gushyiraho inzego z'inzibacyuho zisigaye, ni ukuvuga "Gouvernement" y'inzibacyuho yaguye iyobowe na TWAGIRAMUNGU Fawustini alias RUKOKOMA. Hanyuma n'Inteko Ishinga Amategeko.

Nk'uko amakuru akomeza atugeraho rero abantu batangiye kugera murii...abatumiwe batangiye kugera mu Nteko... muri CND, batangiye kugera muri CND, batangiye kwinjira, kwinjira ndetse ahubwo ubu abatagezemo umenya babakingiranye, babakiny...umenya bata...batarinjiramo babakingiranye kuko byaw...byagombaga gutangira saa mbiri n'igice, ariko rero byatangiranye iterabwoba ryinshi, iterabwoba ryinshi; indege, indege za kajugujugu, ibiki, abasirikare bambaye ibyuma, inkota, ibintu byose bishobora... by'ibirwanisho, mbese wagirango si umunsi mukuru ni intambara.

Ariko koko mu by'ukuri rero urebye, intambara, intambara y'inda, intambara y'ubush...y'ubujura n'ubusambo bwo kwiba ubutegetsi, ku buryo rero ibyo aribyo byose, icyo umuntu yakwizera ni uko amahanga yazana imbunda, yazana indege, no muri Somaliya ntibazanye nke, ntibazanye nke, n'aha kandi ntibari na bake, bazana rero imbunda, bavuga ko bimana amafranga, bagira gute ariko rubanda niyo ibona ibiyibereye kandi ifite n'ubushobozi bwo kubihagarika.

Gushyiraho rero "gouvernement" y'igitugu, bakoresheje igitugu, uburiganya,ubusambo n'iki, ndakeka y'uko ibyo bintu ubusanzwe bihira bake, ubusanze bihira bake, ku buryo rero mu by'ukuri ibiba uyu munsi, ibiba uyu munsi, yego bifite abo bishimishije ariko abantu benshi muri rusange ntabwo bishimye, ntabwo bishimye kuko izi nzego zigiyeho kubera igitugu kinini, kubera uburiganya.

Kuva mu kwezi kwaa...cumi na kabiri, nako ni ukuva Arusha, nako ntawavuga ko biviva...biv...byatangiriye Arusha, byatangiriye Arusha, hanyuma noneho abantu b'inkwakuzi, iii...mu by'ukuri bagabana ubutegetsi kijura.

Hanyuma igihe cyo kubusangira, nacyo kirongera kizana amacakubiri mu mashyaka menshi. Eeh, igipande kimwe kijya ukwacyo ikindi ukwacyo, ariko mu by'ukuri bigaragara y'uko harimo ikibazo cy'amoko, ubwo rero uyu munsi, kuva ejo nimugoroba, whuu, umututsi muhuye wese arakubwira ati umugore wanjye aratwite, ati arabyara iki, umuhungu se, umukobwa .

Ibyo ari byo byose ikigaragara ni uko mu by'ukuri ubu butegetsi bugiye kujyaho, izi nzego z'ubutegetsi ari izo abantu bake, bakoresheje amayeri, bakoresheje amahanga.

Bagerageje kureba ukuntu babwiba, ukuntu babuhuguza, abadepite bamwe babigizayo kubera ko batari bafite, yee...batavugaga rumwe, abaministre bamwe babigizayo kubera ko batari bagamije ibintu bimwe byose bishyigikiye Inkotanyi, ariko rero nk'uko bigaragara Inkotanyi

nkeya, TWAGIRAMUNGU Fawustini alias RUKOKOMA na...n'agapande ke ka MDR gato,eeh...PSD, n'agapande gato, e...PL n'agapande k'abatutsi ka LANDO, abo ngabo nibo ubu ngubu ngo bagiye kugabana ubutegetsi. Ubutegetsi bwa rubanda.

Bigijeyo amashyaka nka CDR, bigijeyo amashyaka nkaa PDI mu by'ukuri, bigijeyo igipande kinini cya MDR, MDR power, kubera ko abadepite bane babohereje mu nkiko, kugirango bajye kurindagira yo, abandi hagati aho ngo babe binjiza ibitekerezo by'Inkotanyi.

Mu by'ukuri rero ndakeka y'uko iyi gouvernement, iyi gouvernement, ubu ngubu ni ukujyaho, ariko rero sinzi y'uko rubanda ruzakomeza kuyihanganira igenda iruroha buhoro buhoro mu buryo buganisha ku bw'i Burundi.

30.5

Mukomeje kumva Radio yigenga RTLM ivugira i Kigali, hagati aho reka turangishe hari amatangazo yihitirwa:

Hari i Toyota Hilux, Toyota Hilux y'indundi, y'umurundi ifite plaque BR 2867, yii..y'igitare. Eeh, yibiwe ni...i Nyamirambo ejo nimugoroba, ejo ni mugoroba. Abantu bafashe umuntu hariya hafi avuye kurya kwa KANYARUHENGERI, noneho bahitaa, bahita bafata imodoka bayimukuramo, bane bajya inyuma abandi bane bajyamo imbere.

Yari Hilux double cabine, n'uko bahita bagenda bagana iya Gikondo; babirukaho na moto, babirukaho na moto...ariko baranga baragenda, ba...bajya za Remera, hanyuma rero iyo modoka y'umugabo NDIKUMANA Constantin, uwo murundi NDIKUMANA Constantin arimo ararira avuza induru ati ntabwo, ati uwambonera iyo modoka BR 28, imodoka y'indundi BR 2867, ifite pare-brise imenetse, kuri pare- brise hariho anti -soleil yanditseho Toyota, za vitres ni fumés kandi ifite chassis ndende.

Ehn, nyirayo ni NDIKUMANA nyine Constantin, ubwo reroo aravuga ati, rwose mundebere iyo modoka plaque BR28...

31.8